**Higher Education Council**
*Quality Education - Our Aim*

**ITANGAZO RIREBA ABASABYE INGUZANYO YO KWIGA MURI KAMINUZA Y'U RWANDA (UNIVERSITY OF RWANDA), MURI POLITEKINIKI Y'U RWANDA-IKICIRO CYA KABIRI CY'AMASHURI MAKURU (RWANDA POLYTECHNIC-BACHELOR OF TECHNOLOGY) NO MU ISHURI RIKURU RWANDA INSTITUTE FOR CONSERVATION AGRICULTURE (RICA) MU MWAKA W'AMASHURI 2025-2026.**

Ubuyobozi bwa Higher Education Council (HEC) buramenyesha abanyeshuri basabye inguzanyo yo kwiga muri Kaminuza y'u Rwanda (University of Rwanda), muri Politekiniki y'u Rwanda-ikiciro cya kabiri cy'amashuri makuru (Rwanda Polytechnic-Bachelor of Technology) no muri Rwanda Institute for Conservation Agriculture (RICA) mu mwaka w'amashuri 2025-2026 ko ibyavuye mu busabe bw'inguzanyo yo kwiga biboneka banyuze kuri https://hecmis.hec.gov.rw/ - Requested loans results.

Uwasabye inguzanyo yinjiza ahabugenewe 'Registration number' akabona ibyavuye mu busabe bwe bw'inguzanyo akaba yabona n'urupapuro rubyerekana.

Ibyagendeweho mu gutanga inguzanyo ni ibi bikurikira:

1. Amanota umunyeshuri yagize asoza amashuri yisumbuye ahabwa **50%**
2. Ibyo umunyeshuri agiye kwiga muri Kaminuza/Ishuri Rikuru **50%**

**Icyitonderwa:**

1. Amanota uwasabye n'uburyo yabazwemo biboneka ku mugereka w'iri tangazo. Impuzandengo yafatiweho ni 50%.
2. Umunyeshuri uzahindura ibyo yahawe kwiga ashobora gutakaza inguzanyo.
3. HEC izakira ubujurire bw'abatishimiye ibyavuye mu busabe bwabo binyuze muri HECMIS hakoreshejwe link yakoreshejwe mu gusaba inguzanyo ukabyohereza ahanditse 'Submit your Claim'.
4. Gutanga ubujurire bizakorwa **kuva tariki ya 22/09/2024 kugeza ku ya 30/09/2025. Nyuma yaho nta bujurire buzakirwa.**

Bikorewe i Kigali, ku wa 20/09/2025

Digitally signed by HEC(Director General)

**Dr. Edward KADOZI**
Umuyobozi Mukuru